RADIO MARIA RWANDA IWACU

N° 001

FM 88,6 FM97,3 FM99,4FM99,8 Kanama 2013

Ijwi rya Gikirisitu riguherekeza aho uri hose

IWACU MURI RADIO MARIA RWANDA

RMR : imyaka icyenda mu iyogezabutumwa

Tariki ya 15 Kanama 2004, tariki ya 15 Kanama 2013, imyaka 9 irashize Radio Maria Rwanda ivugira mu gihugu cy`u Rwanda. Nk'uko bisanzwe, isabukuru ya Radio Maria Rwanda yizihirijwe i Kibeho kuko ihurirana n'umunsi mukuru w'Ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya. Kuri uwo munsi, Dr Bernardin RUTWAZA, Perezida w'Inama y'ubuyobozi bwa Radio Maria Rwanda yagaragaje isano ya hafi iyo Radio ifitanye na Bikira Mariya « *Umunsi Mukuru w'Ijyanwa mu ijuru rya Bikira Mariya, ni umunsi ukomeye cyane mu mateka ya Radio Maria Rwanda. Ni kuri iyi tariki mu mwaka wa 2004, Radio Maria Rwanda yatangiye gusakaza amajwi yayo, ubu rero tukaba twishimira imyaka 9 imaze itangiye urugendo. Kuba Radio Maria Rwanda yaratangiye kuri Asomusiyo, ni ikimenyetso gishimangira ko ari*

IJAMBO RY'IBANZE

Bakunzi ba Radio Maria Rwanda,twishimiye kongera kubagezaho akanyamakuru kacu ka buri kwezi.Turabagezaho uko intumwa za Radio Maria Rwanda zabasuye muri uku kwezi kwa Kanama 2013.By'umwihariko turagaruka ku isabukuru y'imyaka 9 Radio Maria Rwanda imaze itangiye kumvikanira mu Rwanda. Dukomeje kubashimira uko mugaragaza urukundo mufitiye iyogezabutumwa mutera inkunga Radio yanyu.Turashimira kandi abaduhaye ibitekerezo binyuranye nyuma y'akanyamakuru ka mbere twabagejejeho.Mbibutse ko mushobora gukurikirana gahunda za Radio Maria Rwanda ku mirongo ine ya FM: **88.6** uri i Muhanga, **97.3** uri i Jali mu mujyi wa Kigali, **99.8** uri i Karongi, na **99.4** uri i Rusizi. Radio Maria Rwanda yumvikanira no ku rubuga rwa "Internet" www.radiomaria.rw.

Dukomeze gushyigikira Radio Maria Rwanda kugira ngo Ingoma ya Kristu yogere hose.

Mwamikazi wa Radio Maria, udusabire.

impano ya Bikira Mariya, nyuma yo kudusura hano i Kibeho".Perezida w`Inama y'Ubuyobozi ya Radio Maria yagaragaje ko Radio Maria Rwanda ubu ishobora kwihaza kugeza kuri 66 % ibifashijwemo n'abakunzi bayo.Hejuru y'ibyo kandi ifite gahunda yo kwiyubakira inzu mu mujyi wa Kigali izatwara amafaranga 230.000.000 Frw.Ni menshi ari ko ni na make ugereranyije n`abayikunda.Yasoje ashimira abagira uruhare mu buzima bwa Radio Maria Rwanda : abakozi, abakorerabushake,abasaseridoti, by`umwihariko Abepisikopi b'u Rwanda bemeje ko ituro ry`icyumweru cy`umunsi mukuru w'Ubutatu Butagatifu rigenerwa Radio Maria Rwanda ngo ibashe kwiyubaka".

Ndagijimana Diogene

Inama y'ubuyobozi ya Radio Maria Rwanda yateranye ku Itariki ya 11 Kanama 2013

Radio Maria Rwanda, ni Umuryango ushingiye kuri Kiliziya Gatolika, ugengwa n'itegeko n° 06/2012 ryo ku wa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n'imikorere by'imiryango ishingiye ku idini. Nk'uko biteganyijwe mu mategeko rusange, Umuryango ufite inzego enye arizo: Inama rusange, Inama y'ubuyobozi, Komite Nshingwabikorwa, Ubugenzuzi w'Imari na Komite ishinzwe gukemura amakimbirane. Inama y'ubuyobozi iterana ku buryo busanzwe incuro imwe mu gihembwe, igaterana ku buryo budasanzwe igihe cyose bibaye ngombwa. Inama ziheruka zateranye kuri 23 Weruruwe, kuri 20 Mata no kuri 22 Kamena 2013. Ku itariki ya 11 Kanama 2013, Inama y'ubuyobozi yongeye guterana iyobowe na Prezida wayo, Dr Bernardin Rutwaza, ari nawe uhagarirye Umuryango imbere y'amategeko. Mu byo Inama yasuzumye, harimo kwemeza ibyo Umuhuzabikorwa mushya wa Radio Maria Rwanda azibandaho mu kuranginza inshingano ze, no kwiga uburyo imirimo yo kubaka ibiro bya Radio Maria Rwanda mu Mujyi wa Kigali yakorwa, bikaba biteganyijwe ko izatangura mbere yuko umwaka wa 2013 urangira.

Radio Maria Rwanda yabonye Umuhuzabikorwa mushya

Guhera Tariki ya 12 Kanama 2013, Radio Maria Rwanda ifite umuyobozi mushya ushinzwe guhuza ibikorwa bya Radio, akaba yitwa **NZANYWAYIMANA Gaudiose** (Telefone ye ni 0783064448/ 0730920435/ 0722782965, naho E-mail ni: ngaudiose2020@gmail.com). Afite impamyabushobozi mu icungamutungo yavanye muri ICK muri 2009. Yari asanzwe ayobora UMUCYO SACCO MUKINDO mu Karere ka Gisagara.

Yabaye umukorerabushake kuri Radio Maria Rwanda igitangira, kuva muri 2005 kugera muri 2009. Tumuhaye ikaze mu muryango Radio Maria Rwanda..

Inama y'isuzumabikorwa

Kuva tarikiya 5 kugera ku ya 6 Kanama 2013, ku cyicaro cya Radio Maria Rwanda i Muhanga hateraniye inama yahuje abakozi bose ba radio, iyobowe na Prezida wayo, ikaba yari igamije gusuzuma ibyagezweho mu mezi atandatu abanza y'umwaka wa 2013. Byagaragaye muri iyo nama ko abakozi ba Radio Maria Rwanda bamaze kugira umuco wo gukorera kuri gahunda no gukora raporo z'ibikorwa ku buryo buhoraho, ibyo bikaba bifasha mu guhanahana amakuru hagati y'inzego zitandukanye z'imirimo. Iyo nama yafatiwemo imyanzuro myinshi, harimo gushyiraho uburyo bwo kongera umubare w'amaparuwasi asurwa buri kwezi, ndetse no guha ikarita iranga umuterankunga uhoraho wa Radio Maria Rwanda.

UDUSANDUKU DUSHYA MURI UKU KWEZI KWA KANAMA 2013

Muri Kanama 2013, hirya no hino hashyizwe udusanduku two gutera inkunga Radio Maria Rwanda :i Rambura mu Gasiza ; mu Kiliziya ya Paruwasi Muhato-Nyundo ;Centrale ya Rubavu-Paruwasi Muhato ;muri Boutique ya MPAKANIYE Bernard muri Centre MAJENGO ;muri Santarali ya Mbugangari,Paruwasi Muhato ; muri Centre ya Mahoko, Paruwasi ya Nyundo ;muri Kiliziya ya Paruwasi Shangi na Nyamasheke zo muri Diyosezi ya Cyangugu.Ubu akaba ari uburyo bwo gufasha abakunzi ba Radio Maria Rwanda kuyigezaho inkunga biboroheye.

Radio Maria Rwanda Na Association Kiliziya Yacu

Tariki ya 31 Kanama abahagarariye Radio Maria Rwanda bahuye n'abahagarariye Association Kiliziya yacu baganira ku bufatanye bateganya mu rwego rw'iyogezabutumwa.Buri ruhande rwagaragaje amateka ya buri muryango. Icyo bahurijeho ni uko bagamije guteza imbere uruhare rw`abaliyiki mu kogeza Inkuru Nziza ya Kristu bakurikije uko inyigisho n'amabwiriza ya Kiliziya Gatolika abiteganya.Association Kiliziya yacu yifuje gutangiza ikiganiro gihoraho kuri Radio Maria Rwanda. Impande zombi zizategura amasezerano y'ubufatanye ariko Association Kiliziya yacu na bo bakazafasha Radio Maria Rwanda kumenyekana no gushishikaza abayitera inkunga.

RADIO MARIA MU BAKUNZI BAYO

Amahugurwa Y''Abakangurambaga Ba RMR Muri Zone C

BUSOGO: Kuwa kabiri tariki ya 27 Kanama 2013,abakuru ba za Santarali, abahagarariye imiryango ya Agisiyo Gatolika na za komisiyo zinyuranye muri Paruwasi ya BUSOGO ,Diyosezi ya Ruhengeri, bitabiriye inama yo gutegura uruzinduko rwa Radio Maria Rwanda muri iyo Paruwasi.Iyo nama yayobowe na Padiri Mukuru wa Paruwasi ya Busogo P NDABIZI Viateur ari kumwe n`intumwa ya Radio Maria Rwanda NDUWAYEZU Egide. Abitabiriye inama basobanuriwe ubutumwa bwa Radio Maria n`aho buhuriye n`ubwa buri mukristu muri Kiliziya.Bishimiye kandi kumva uko Radio Maria Rwanda ibayeho n`uruhare rwabo mu butumwa ikora.Bashyikirijwe ubutumwa Radio Maria Rwanda yageneye buri muryangoremezo.Paruwasi ya Busogo iri mu mwaka wa yubile y`imyaka 50 ishize ishinzwe izizihizwa tariki ya 14 Ukuboza 2013.Kwakira Radio Maria no kuyitera inkunga biri mu mihigo ya Yubile.Paruwasi ya Busogo izakira Radio Maria tariki ya 19-27 Ukwakira 2013.Paruwasi ya Busogo ifite amasantarali 7 n`imiryangoremezo 164.

BUMARA: Tariki ya 28 Kanama 2013, abakangurambaga ba Radio Maria Rwanda bo muri Paruwasi ya Bumara barahuguwe.Muri ayo mahugurwa, basobanuriwe ubutumwa bw`umukangurambaga mu buzima bwa Radio Maria Rwanda:kumenyekanisha Radio Maria Rwanda muri paruwasi no kongera umubare w`abayitera inkunga.Abahuguwe bemeje ko ubu butumwa buzabafasha kwitagatifuza no gukorera umubyeyi Bikira Maria.Hashyizweho na komite yabo iyobowe na Antoinnette UMUGIRANEZA.Muri iyi Paruwasi hashyizweho abakangurambaga muri buri muryangoremezo ubwo Radio Maria Rwanda yayisuraga ku itariki ya 3-9 Kamena 2013.

Egide NDUWAYEZU

RADIO MARIA RWANDA YASHIMANGIYE UBUFATANYE NA PARUWASI JANJA

Ku itariki ya 25 Kanama 2013, intumwa za Radio Maria Rwanda na bamwe mu bahanzi, bataramiye muri paruwasi ya JANJA, Diyosezi ya Ruhengeri. Iyo Paruwasi yiyemeje gutera inkunga Radio Maria Rwanda buri mwaka bahereye mu miryango remezo.Mu rwego rwo kwakira inkunga y`uyu mwaka no kubashimira, hateguwe igitaramo cy`indirimbo zo gusingiza Imana.Radio Maria Rwanda yahaye Paruwasi ya JANJA ikimenyetso gihoraho kiranga uwo mubano n`ubufatanye mu iyogezabutumwa. Uwari ahagarariye Radio Maria Rwanda, yavuze ko baje gushimira Abapadri ba paruwasi ya JANJA n`abakristu kubera uruhare bakomeje kugaragaza mu gushyigikira ubutumwa bwa Radio Maria.Padri Andre NTUNGIYEHE wayoboye icyo gitaramo yashimiye abaabasuye avuga ko bakunda umubyeyi Bikira Maria.Kubera iyo mpamvu, bashyigikira Radio Maria Rwanda nk`igikorwa cya BIkira Maria kuko bo batayumva.Ngo bazayifasha kugeza igihe

izabagereraho ndetse bashishikaze n`batayizi bamenye ibyiza byayo.Kuba intumwa za Radio Maria zarageze i JANJA, ni jwi ry`umubyeyi Bikira Maria ryahageze.Yashimiye abagize uruhare mu gukusanya inkunga yagezi ku 500.000 frws no gutegura igitaramo.

Kuri iyo tariki igitaramo nk'icyo cyabereye muri Paruwasi ya SHANGI, Diyosezi ya Cyangugu abakristu bakaba barateye Radio Maria Rwanda inkunga isaga 400.000 frws.

NDAGIJIMANA Diogene

RADIO MARIA RWANDA YASUYE PARUWASI

Mu kwezi kwa KANAMA, Radio Maria Rwanda yasuye abakristu ba Paruwasi ya MUSAMBIRA, Diyosezi Kabgayi, MWANGE ya Diyosezi RUHENGERI,NYAMASHEKE ya Diyosezi ya Cyangugu na RILIIMA ya Arikidiyosezi ya Kigali.Aho hose abakristu bitabiriye gahunda ya Radio Maria Rwanda kandi bayitera inkunga : **Musambira** :559.000 frws ; **Mwange** :625.000 frws ;**Nyamasheke** :1.072.615 frws iyi Paruwasi ikaba umwaka ushize yaraje ku isonga aho yateye Radio Maria Rwanda inkunga ingana na 1.800.000 frws, hatarimo inkunga z`abantu ku giti cyabo.

Paruwasi CYEZA : Intumwa ya Radio Maria Rwanda yasuye itsinda ry`inshuti ryo muri Paruwasi ya CYEZA, Diyosezi ya Kabgayi.Iri tsinda ryagaragaje ko rikunda Radio Maria Rwanda,rikaba ryaraje no kuyisura mu gihe cya Mariatoni yabaye mu mpera z'umwaka wa 2012 no muri Gicurasi 2013.Tariki ya 18 Kanama 2013, intumwa ya Radio Maria Rwanda yasanze bamaze kurenga 50 kandi bateye Radio Maria Rwanda inkunga ingana na 28.000 frws.Mu minsi iri imbere, barategura urugendo nyobokamana i Kibeho.

Nkurunziza Felicien

RADIO MARIA RWANDA YIFATANYIJE N'AMAPARUWASI MU BIRORI

Radio Maria yitabiriye ubutumire bw'amaparuwasi anyuranye mu birori bitandukanye :Paruwasi ya NEMBA, Diyosezi Ruhengeri,yizihije yubile y`imyaka 75 n`itangwa ry'Ubusaseridoti ; Kanyanza ya Diyosezi ya Kabgayi muri yubile y`imyaka 75 ;Bungwe ya Diyosezi ya Byumba mu itangwa ry`ubusaseridoti ;Mugombwa ya Diyosezi ya Butare muri Yubile y`imyaka 75 na Paruwasi Higiro ya Diyosezi ya Butare muri Yubile y`imyaka 50 yatanzwemo n`isakramentu ry`ubusaseridoti.Aho hose Radio Maria Rwanda yatambukije igitambo cya misa.

Tera inkunga radio yawe,Radio Maria Rwanda Ukoresheje

MTN mobile money:07884870045

Tigo cash :0727495295

KONTI

108-06646001-59 MURI ECOBANK
056-0293574-40 MURI BK
441-2057171-11
Muri Banki y'abaturage

Inkunga ziragenda zigabanuka

Nubwo abaterankunga bashya bagenda baboneka inkunga zirimo zigabanuka uhereye mu kwezi kwa gatandatu uyu mwaka.Muri uko kwezi abakunzi ba Radio Maria Rwanda bari batanze inkunga y'amafaranga 7, 944,645, mu kwa karindwi batanga 7,316,530 naho muri uku kwa munani batanze 4,938,076.Nyamara ku rundi ruhande amafaranga Radio Maria Rwanda ikenera mu kwezi aragenda yiyongera bitewe n'impamvu zitandukanye zirimo izamuka ry'ibiciro ku bikoresho, gusimbuza ibikoresho biba byangijwe n'umuriro, n'ibindi.Ukwezi kwa munani gushize Radio Maria ifite umwenda w'amafaranga agera kuri miliyoni esheshatu, mu gihe muri uku kwezi kwa cyenda hakenewe amafaranga arenga gato miliyoni cumi n'enye. Bivuga ko ikeneye nibura amafaranga miliyoni makumyabiri kugira ngo ikomeze gusohoza inshingano zayo neza. Turashimira abakomeje kwitanga bose uko babishoboye kugira ngo inkuru nziza ya Yezu Kristu yogere hose.

Telesphore KABERUKA.

RADIO MARIA MU MUJYI WA KIGALI

Abakorerabushake ni inkingi ya mwamba mu butumwa bwa RMR

Mu bikorwa bya buri munsi bya Radio Maria, umurimo ukorwa n'abakorerabushake ni ingirarakamaro .Ni muri urwo rwego Radio Maria Rwanda yateguye umunsi wo gushimira abakorerabushake bo muri KIGALI mu bikorwa bayifashamo buri munsi. Icyo gikorwa cyabaye mu ntangiriro z'uku kwezi kwa munani, aho abakorerabushake basaga 25 bo mu maparuwasi yo mu mujyi basabanye n'abakozi ndetse n'abayobozi ba RMR. Ku ruhande rw'abakorerabushake bashimiye Radio Maria Rwanda kuba yarabatekereje by'umwihariko banatanga ibitekerezo n'ibyifuzo. Aha bifuje amahugurwa ndetse no kugira ikibaranga nk'abakorerabushake koko. Ku ruhande rwa RMR , Dr Bernardin RUTWAZA, Perezida wa RMR yashimiye abakorerabushake umurava bakorana akazi kabo.Asubiza ibibazo byari byagarutsweho mu kungurana ibitekerezo, yashimangiye ibyiciro by'abakorerabushake n'uko byuzuzanya,avuga ko byose bigomba gufasha kugira ngo RMR ikwire mu mujyi wa KIGALI.Yamenyesheje abari aho gahunda y'inyubako aho igeze ndetse anababwira ko ubu hagiye kuzajya habaho Mariathoni kabiri buri mwaka. Mu gusoza hemejwe ko abakorerabushake bazajya bagira inama rimwe mu mezi abiri igamije kunoza imikorere yabo.

Cryspin KAYITARE